



"Towards a common goal"

RAPORO Y'INAMA YA GATATU YA
UNITY CLUB

« Uruhare rw'Abayobozi mu gushimangira umuco
w'Ubworoherane n'Ukuri, tugamije kunga no
kubanisha neza Abanyarwanda »



RAPORO Y'INAMA YA 03 YA UNITY
CLUB

Kigali Serena Hotel,
02/07/2010

“Uruhare rw’Abayobozi mu gushimangira umuco w’Ubwoherane n’Ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda”.

1. IRIBURIRO

1.1. Unity Club, umuryango umaze gushinga imizi.

Unity Club ni ihuriro ry’Abayobozi bari muri Guverinoma, abayihozemo, n’abo bashakanye. Ryatangiyeye muri Gashyantare 1996, rifite iyi intego : *“Gushimangira umuco w’ubumwe n’amahoro, byo nkingi y’iterambere rirambye mu Rwanda”, “to enhance unity and peace as roots of a sustainable development in Rwanda”.* Umuyobozi mukuru wa Unity Club akaba ari Nyakubahwa Madamu wa Perezida wa Repubulika y’u Rwanda, Mme Jeannette KAGAME.

Kuva Unity Club yashingwa, abanyamuryango bayo bagiye bagira gahunda zitandukanye, *initiatives*, zo guhura no kuganira ku kibazo cyo gusubira kubaka Ubumwe n'Ubwiyunge mu Banyarwanda. Abayobozi bo ku rwego rwa Guverinoma nabo akaba ari bamwe muri abo Banyarwanda, kandi bagomba no kuba ku isonga ry'ubwo bwiyunge. Ntibyari byoroshye kubitangira, ariko byerekana ko abazi kureba kure, kenshi bakora ibyo rubanda rusanze rutari rwabasha no kwiyumvisha.

Kuva muri 1996, hakoze byinshi bitagarambaraga buri wese, niko bigenda kenshi mu kuboha intango.

Nk'uko bishimwa na benshi, Unity Club yabaye umuryango, uwawuvutsemo ahora awubarirwamo, agakomeza gukorera inyungu Unity Club iharanira, hagamijwe gushyigikira ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda. Umunyamuryango aba ahanye igihango n'igihugu ndetse na bagenzi be bayoborana, yaba ari muri guverinoma cyangwa ahawe indi mirimo.



Ibiganiro bya Unity Club n'imyanzuro mu kubaka Abanyamuryango n'intego yabo.

Mu rwego rwo gukomeza kwiubaka kw'Abanyamuryango no kuba ku isonga mu kubaka no kubungabunga ubumwe bw'Abanyarwanda, Unity Club itegura ibiganiro bihuza abanyamuryango bayo ikanatumira n'abandi bayobozi b'igihugu bishingiye ku nteruro yigwa. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yafatanije na Unity Club mu gutegura inama ebyiri zabanje, kuko bihura n'inshingano zayo.

Inama ya mbere, yo kuwa 04 Ugushyingo 2007 yahuje abanyamuryango baganira ku nsanganyamatsiko

igira iti : *“Kubaka ubumwe bw’Abanyarwanda uhereye mu muryango”*. Bidatinze, inama ya kabiri yabaye kuwa 15 Kamena 2008 iganira ku nsanganyamatsiko igira iti : *“Uruhare rw’abayobozi mu kubaka ubunyarwanda”*.

Izo nama zarangiye zifite imyanzuro yerekana ukuntu hifuzwa byinshi byiza, muri byo:

- Gukomeza kuba urugero rw’ubumwe bw’Abanyarwanda aho ariho hose, duhereye mu miryango yacu n’aho tuyobora, bikagaragarira mu myitwarire no mu mibanire myiza n’abandi.
- Kwiyumva nk’Abanyarwanda, batibonamo amoko, tugaharanira ko Abanyarwanda bose barenga ibyitwa ubuhutu, ubututsi n’ubutwa amateka mabi yadushyizemo, tukiyumva nk’Abanyarwanda bashyize hamwe bashishikajwe n’ibyaduteza imbere n’igihugu cyacu.
- Hamwe n’abayobozi b’ingeri zose, ku nzego izo arizo zose, iza Leta cyangwa iz’abikorera n’Abanyarwanda bose, kugira umuco wo kuganira ku nzitizi zibangamira ubumwe bw’Abanyarwanda no guhora baharanira

kuzirandura burundu, kuko bibangamira bikomeye iterambere.

- Ko ubunyarwanda buva mu mvugo bukajya mu ngiro, mu mibereho yacu ya buri muni nk'abayobozi, tukaba intwararumuri nyazo mu kwubaka ubunyarwanda,
- Kwimiriza imbere gushaka ibisubizo by'ingaruka za Jenocide no kurwanya ingengabitekerezo yayo.
- Nk'abayobozi tugomba kubanda ishyamba, ibibazo duhura nabyo ntibitsimbure ubunyarwanda, ahubwo bigashimangira kugira icyerekezo cyiza.

Hari n'indi myanzuro isangwa muri raporo z'izi nama ziri mu bubiko bwa Unity Club.

2. GUTEGURA INAMA YA 03 YA UNITY CLUB : KUGARUKA KU BYAKOZWE NO KUGENDA TUREBA IMBERE.

2.1. Gutegura imfashanyigisho.

Iyi nama ya 03 ya Unity Club yateguwe mu bufatanye bwa Unity Club na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye, batoranya impuguke yo kubafasha gutegura no gukurikirana ibikorwa kugeza itanze raporo y'inama. By'umwihariko kuri iyi nama ya 03, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye, NURC mu magambo ahinnye, yafashije Unity Club kuyitegura kuko yifuje gusangira n'abagize iryo huriro filime «My neighbor, my killer» ya Anne Aghion, 2009.

Iyo filime Komisiyo y'ubumwe n'Ubwiye yashoboye kuyimurikira Abanyarwanda ubwa mbere mu Kuboza 2009. Ni filime yerekana umuryango-nyarwanda, mu buryo bwawo bwo kwisana no kwiyubaka, ikimakaza Abanyarwanda mu buryo bwabo mu guhangana n'uburemere bw'ibibazo byabo no kubyikemurira. Ubwo Umunyamabanga-Nshingwa-bikorwa wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiye, Dr Jean Baptiste HABYALIMANA, wari usanzwe azi imikorere ya Anne Aghion, yamutumagaho ngo aze kwerekana film

yari amaze kurangiza, hari mu rwego rw'inama y'imyaka 10 ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, no mu kwitegura gusoza Inkiko Gacaca. Uyu muyobozi urambye mu kazi, yatangajwe n'imbaraga z'iyi filime, n'ukuntu yerekana imikorere y'Inkiko Gacaca, uruhare rw'Abanyarwanda mu kwishakira ubutabera, mu kugerageza kwisanira umuryango-nyarwanda washegeshwe na jenocide, ikerekana ubudaheranza bw'Umunyarwanda. Yifuje kuzayimurikira abayobozi b'u Rwanda no kuzayigeza ku Banyarwanda benshi bashoboka. Ni muri urwo rwego yari yagejeje icyifuzo cye ku Muyobozi Mukuru wa Unity Club, wacyakiriye neza kandi vuba. Hakurikiyeho gutegura uko izerekanwa imbere y'abanyamuryango ba Unity Club, muri Nyakanga 2010, igasembura ibiganiro byari biteganijwe.

Mu nama ya 03 ya Unity Club, ibiganiro byabimburiwe no kwerekana filime «**My neighbor, my killer**» ya Anne Aghion, 2009. Nyuma haba kungurana ibitekerezo.

Icyiciro cya kabiri cy'inama cyarimo gusangira ubutumwa butandukanye bw'Abahanzi b'ibyamamare b'Abanyarwanda, kumurikirwa igitabo: "**Icyaha kuri bo, Ikimwari kuri jye**" cyanditswe na Edouard Bamporiki, bibera mu busabane, kandi byose bihuriza ku butumwa

bumwe *“Uruhare rw’Abayobozi mu gushimangira umuco w’Ubworoherane n’Ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda”*, nyuma y’amarorerwa ya jenocide yakorewe abatutsi muri 1994.

Inama yateguwe harimo kutirengagiza ibyagezweho n’inzitizi zabayeho, bityo bikamurikira ibikorwa byo mugihe kiri imbere, kugirango Unity Club irusheho gukora neza.

2.2. Inama ya 03 yasanze dufite aho tugeze.

Ibyagezweho n’igihugu cyacu tubikesha ubuyobozi bwiza ni byinshi. Gutsinda Jenocide n’Ukwibohora, gusana no kubaka umuryango-nyarwanda mushya, bishingiye ku kwemera ko hariho ibibazo by’ingutu mu Rwanda rwacu no kwemera guhangana nabyo, buri wese mu ruhare rwe bwite ntakwiringagiza ko hari n’umuryango-nyarwanda usaba ubwitange no kwiringagiza rimwe na rimwe inyungu bwite, ukimiriza imbere inyungu-rusange.

Hakurikijwe Itegeko Nshinga iri hame ry’ubworoherane n’ukuri bishingiyeho, inzego nyinshi zarubatswe zibigiramo uruhare, twavuga nka Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge n’Inkiko-Gacaca.

Iyi nama kandi yaje mu gihe twitegura amatora ya Perezida wa Repubulika. Ni igikorwa cy'agaciro kanini ku gihugu cyose n'abagituye. Byasabaga ko iyi nama y'abayobozi bo mu rwego rwa guverinoma, yibanda ku cyerekezo cy'igihugu "Vision", bagakomeza kubaka demokarasi n'ukwishyira ukizana kwa buri Munyarwanda mu bwoherane no mu bwiyunge. Birasaba kandi gushimangira no kwimakaza ibyiza u Rwanda rwagezeho rubikesha ubuyobozi bwiza akaba ari kimwe mu byashyizwe ku isonga, mu mvugo ariko cyane hagenwa kubishyira mu ngiro.

2.3. Gutegura intego rusange n'intego zihariye z'inama ya 03 ya Unity Club.

Nyuma y'igipimo filime « *My neighbor, my killer* » yerekana ibyagezweho n'abaturage ba Ntongwe mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge, bishingiye ku kuri n'ubwoherane, byatumye uburemere ku mutima bugabanuka, abantu bagashobora gusubira bakabana,

- Umuyobozi nawe akeneye kurebera hamwe n'abandi uko yarushaho kuringaniza umunzani mu bimugora nk'umuntu n'amateka y'u Rwanda atoroshye ku ruhande rumwe, nk'umuyobozi

ugomba kuba intangarugero ku bandi Banyarwanda, ku rundi ruhande.

- Akeneye kwigirira icyizere akacyigirira n’abo bayoborana, akigarukaho aho bashashe inzobe. Bityo agafatanya nabo mu gushaka uko umuco w’Ubworoherane n’Ukuri byashyirwa mu bikorwa bifatika, bizakomeza kunga umuryango-nyarwanda na nyuma y’ugusozwa kw’Inkiko Gacaca.
- Kumuha umwanya wo kureba, ku ntera ndende, umusaruro uturuka mu Banyarwanda iyo Leta ibatekerereje gahunda nziza. Kumuha kwibuka ko uwo musaruro uturuka ku miyoborere myiza, akenshi usaba guhozaho no kwiha igihe. Bigatuma buri wese nk’umuyobozi yigarukaho akareba uruhare rwe bwite mu kubaka ubutabera gacaca bwunga no gushimangira ubumwe n’ubwiyunge twubaka.

Iyi nama iraduha kandi kurebera hamwe aho urubwiruko rwacu rugeze mu guhangana n’ibibazo by’umuryango-nyarwanda, rwanga guheranwa nabyo kandi rufata iya mbere mu kwishakira ibisubizo, hakoreshejwe ubwanditsi « *Their sin is my shame* » n’ubuhanzi burangwa no gufatanya.

- Umuyobozi wese arahasanga ishusho ry'umuryango we, agaruke ku bishoboka iyo ubuyobozi bwiza butanze urubuga, ubuhanga, ubuhanzi n'ubusizi bikuriramo bikabona bigasagamba.

2.3.1. Intego rusange y'inama:

Kunga no kubanisha neza abanyarwanda, dushingiye ku muco w'Ubworoherane n'Ukuri.

2.3.2. Intego zihariye z'iyi nama:

- Gusobanukirwa neza no gusesengura amagambo "kunga", "ubworoherane", amagambo asanzwe mu rurimi rw'ikinyarwanda no mu ngiro z'Abanyarwanda, ariko akaba yarahinduye uburemere bitewe n'amateka ya vuba igihugu cyacu cyanyuzemo.
- Gusana no kubaka umuryango-nyarwanda mushya, tugaharanira guhangana no gukemura ibibazo by'ingutu biri mu Rwanda rwacu, buri wese mu ruhare rwe, ubwitange no gushyira imbere inyungu-rusange kandi bigasaba guhozaho.
- Gukomeza gushyira imbere no gushimangira uko umuco w'ubworoherane mu Banyarwanda

washyirwa mu bikorwa bifatika bizakomeza kunga Abanyarwanda na nyuma y'ugusozwa kw'inkiko gacaca.

- Guha abayobozi umwanya wo kureba, ku ntera ndende, bigatuma buri wese nk'umuyobozi yigarukaho akareba uruhare rwe bwite mu kubaka ubutabera bwunga no gushimangira ubumwe n'ubwiyunge.
- Kubaka no guteza imbere umuco w'ukuri, umuyobozi agahora azirikana anatoza abo ayobora kumenya kubaho mu kuri, bamenya ukuri, babwizanya ukuri, bagendera ku kuri.
- Kuzirikana no guha agaciro ubufatanye bw'abayobozi n'ibyiciro bitandukanye mu kubanisha neza abanyarwanda no gushimangira ubumwe bwabo.
- Kugaragaza uruhare abahanzi n'abasizi bashobora kugira mu kubaka umuco mwiza mu Banyarwanda, iyo bagize ubuyobozi bwiza bafatanyije kandi bubaha urubuga rwisanzuye.

3. INAMA YA 03 YA UNITY CLUB.

Kuwa gatanu, tariki ya 02 Nyakanga 2010, mu cyumba cy'inama cya Hoteli Serena y'i Kigali, Nyakubahwa Madame wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Jeannette KAGAME, akaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, yafunguye ku mugaragaro inama ya 03 ya Unity Club. Abanyamuryango ba Unity Club, abatunirwa n'abahagarariye abahanzi n'abanyamakuru bari bahateraniye babashije gukurikira ijamba rikomeye ryatangaga umurongo w'iyi nama. Muri iyi nama kandi Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME, yari ahagarariwe na Perezida wa Sena, Dr Vincent BIRUTA.

3.1. Amahame n'ingingo inama yagendeyeho.

Mu ijamba Umuyobozi Mukuru wa Unity Club yafunguye inama harimo ubutumwa butandukanye ariko bwose burasa ku ntego imwe : Turi Abanyarwanda, turubaka u Rwanda rwacu buri muni turushaho kurugira rwiza, twe nk'abana b'u Rwanda, twe benurwanda! Nkatwe abayobozi tugomba kubizirikana bikatubera isoko yuhira ibyo dukora byose, uherye mu muryango wacu wa Unity Club.

3.1.1. Turi abayobozi, turi Abanyarwanda bayoborera u Rwanda.



Madame Jeannette KAGAME yagize ati : " Duhuye turi benshi, kandi twese dufite intego imwe : **Uruhare rw'Abayobozi mu gushimangira umuco w'ubwoherane n'ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda.** Kuba twaratekereje kuri iyi gahunda ihoraho y'ibiganiro, tukiyubakira ihuriro nk'iri, twe nk'Abanyarwanda bafite inshingano n'amahirwe byo kuyobora abandi Banyarwanda, ni uko twumva neza akamaro kabyo. Iri huriro ridutera ishema, nk'abayobozi bari ku isonga ry'ibikorwa bigamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda, mu iterambere rirambye, tukarushaho kuzirikana ku uruhare rwacu mu kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro."

Iyo rangamuntu y'ubuyobozi-nyarwanda, yagarutsweho kenshi, perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye, Bishop John RUCYAHANA, ashima imikorere y'ubuyobozi bw'u Rwanda butandukanye n'ibyo n'ibikunze kubona kenshi muri Afurika, aho abageze ku butegetsi bashyira ku isonga gucira imanza abo basimbuye, ntibite cyane ku kwemera kwakira ibibazo basanze ngo babigire ibyabo. Bishop Rucyahana yagize ati : *"Ndashima Unity Club ubushishozi, ubuhanga bagaragaje mu guca bugufi kugira ngo basuzume ibibazo by'Abanyarwanda n'uburemere bwabyo..."*.

Mu biganiro nyunguranabitekerezo byakurikiye, kuri iyi ngingo, benshi bagaragaza kuba bemera iyo nshingano y'ubuyobozi buyoborera u Rwanda, nk'igihugu gifite amateka adasanzwe ariko cyiyemeje kuyakira no kuyatunganya, mu buryo gakondo n'ubwo ibyiza bituruka ahandi nabyo byakirwa.

3.1.2. Twageze kuri byinshi ariko tugomba kurushaho kugana aheza.

Hashingiwe kuri byinshi tumaze kubaka, biteye ishema Abanyarwanda ariko kandi nta n'uwakwishima ngo ahagarare. Aho u Rwanda ruvuye ni kure,

Umuyobozi Mukuru wa Unity Club yongeye kwibutsa inshingano za buri muyobozi zo kurushaho gukora neza no gushyira mu bikorwa imyanzuro yagiye ifatwa akarushaho guhinduka ingiro.

Yagize ati : " Ngarutse ku biganiri bindi twagize nka Unity Club, twagiye dufata imyanzuro myinshi kandi myiza, ariko twasanze aho tugeze hagomba gushyirwaho uburyo bushya bwo gufata ibyemezo, birebana n'imikorere y'ihuriro ryacu, tukava mu byifuzo bigari, tugaha umwanya ibyemezo-ngiro, bifite umurongo-mbonera wumvikana kandi bitanga n'inzira zituma bizagerwaho. Tugashyiraho ibipimo bifatika, bizaduha kumenya aho tugeze, mu gushyira mu bikorwa ibiva muri iri huriro"

Byahurijweho n'uwayoboraga ibiganiri, Madamu Monique NSANZABAGANWA, wibukije ko nyuma y'imyaka 16 u Rwanda rwibohoye, nyuma y'imyaka hafi 15 Unity Club imaze, hari byinshi bitanga ishema ati : ariko ntituranyurwa, turacyashaka kugera aheza kurushaho! Umuyobozi w'ibiganiri ahaye ijamba Perezida wa NURC, ahita yunga muri icyo nshingano, yibutsa ibyiza byagezweho ariko yibutsa ko hagikenewe kurushaho kuva mu myanzuro-mvugo, ibyemejwe bikarushaho gushyirwa mu ngiro, hifashishijwe ubufatanye hagati y'inzego na gahunda nziza z'ubushakashatsi.

Uyu murongo nawo wagarutseho kenshi mu kungurana ibitekerezo byakurikiye kureba filime ya Anne AGHION, *"My neighbor, My killer"* yerekanywe ngo isembure ibiganiro. Habaye kwemera ko mu rwego rw'ubuyobozi harimo gusa n'abasigaye inyuma mu gushyira mu ngiro gahunda za Leta zigenerwa abaturage ariko zigomba no gukurikizwa n'abayobozi. Umwe mu banyamuryango yarivugiyeye ati *"Ko abaturage badusize, tuzabafatira he? Ukuri n'ubwiyunge bubatse, twe tuzabugeraho ryari?"*.

Aha niho havuzwe cyane ko imyanzuro ya Unity Club idashyirwa mu ngiro bihagije n'abanyamuryango, haba ku bumwe busesuye, ku kurwanya amacakubiri no kuba intwararumuli z'ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda.

3.1.3. Kumenya aho uturutse, biguha kumenya aho ugeze n'icyerekezo urimo.

Ibyiza twagezeho bifite agaciro kadasanzwe kuko aho byavuye hafite ikiguzi kitabarika. Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Madamu Jeannette KAGAME yabigarutseho asaba abanyamuryango kubizirikana cyane muri ibi bihe bibanziriza amatora y'umukuru w'igihugu. Yibutsa ko bamwe bigize ba *"ntibazirikana"*

bashobora gukinisha ingoyi yari yaraboshye u Rwanda, mu gihe abandi twayigize indahiro. Iyo nzira ndende, niyo dukuramo imbaraga zo guhora iteka turwanira guteza imbere igihugu cyacu n’abo tuyobora, kandi ntawe udukerereza cyane cyangwa ngo adusubize inyuma.

Yagize ati: *”Ngo : Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera. Benshi mu bazirikana aho u Rwanda rwavuye, bakaba bareba aho rugeze n’uko ruhagaze uyu munsu, badufitiye icyizere kuko bazi icyo byasabye ngo bigerweho ndetse n’ababyitangiye. Baratureba, badutezeho umurongo mwiza uhamye wo kugenderaho. Twibaze tuti: icyo cyizere Abanyarwanda badufitiye, twe turacyifitiye? Ese bo turacyibafitiye? Dukora iki, twitwara dute, tubaha ibihe bisobanuro, tubayoboye dute muri rusange ngo bigerweho?”*

Yongeye kwibutsa abanyamuryango ko kubaka amahoro, umutekano, iterambere rirambye uvuye mu bihe nk’ibyho u Rwanda rwanyuzemo, bisaba kureba kure, kugira gahunda no kudateshuka na rimwe ku ntego. Yibutsa abari bateraniye aho gushingira ku byagezweho mu kurushaho kubaka demukarasi n’ubwisanzure.

Yagize ati : *"Twagize amahirwe yo gukorera mu cyerekezo cyiza, mu bwisanzure no kugira gahunda zihamye z'imiyoborere, turazirikana aho tugeze, n'uko twahageze maze turusheho gukomeza kwiubakira Demukarasi, mu mutekano, ubworoherane no kubana neza mu mahoro n'iterambere.*

Tuzi neza aho u Rwanda rwavuye, hatari horoshye na gato, kandi ibimaze kugerwaho muli iyi myaka ishize, ni byinshi kandi byiza . Ni ngombwa rero gukomeza gutera intambwe twirinda icyo aricyo cyose cyadusubiza inyuma kandi buri wese akabigiramo uruhare. Nta kwirara, biradusaba guhozaho, imbaraga, ubwitange no kwigomwa kwa twese, kugira ngo umuco w'ubworoherane n'ukuri usakare mu Rwanda"

Abari mu nama bunguranye ibitekerezo nabo baza kugaruka kuri iyi ngingo ikomeye, bagaruka ku mizi y'ibibazo byibasiye u Rwanda bagerageza kunononsora uko ubu ibintu byifashe. Nubwo mu Rwanda ibintu bisa n'aho byifashe neza mu kubaka igihugu kitarangwa n'amacakubiri, irondakoko n'ingengabitekerezo ya jenocide, hagaragajwe ko mu Banyarwanda baba hanze y'igihugu ibintu biteye ukundi. Benshi mu Banyarwanda bari muri diaspora umuntu abasangana gusigara inyuma mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge, mu guharanira ubunyarwanda no kwitandukanya n'irondakoko cyangwa irondakarere. Kuri icyo kibazo, habaye impaka ariko bigaragara ko inzira yo kukibonera umuti atari

ugutererana abo bana b'igihugu bari mu mahanga, ko ahubwo hagomba kubaho gushaka uburyo buboneye bwo kwegera diaspora, nazo zigahabwa inzira yo kwiyubakamo ubumwe n'ubwiyunge ku Banyarwanda bose.

3.1.4. Kubakira ku Kuri n'Ubwo-roherane, kubaka ubutabera bwunga.

Umunyarwanda yaravuze ati : "Ukuri guca mu ziko ntigushya." N'umukuru w'igihugu cyacu abyibutsa kenshi Abanyarwanda n'amahanga iyo avuga kubijyanye n'amateka y'u Rwanda agoye ariko adakuka.

Umuyobozi Mukuru wa Unity Club nawe yabigarutseho mu gutangiza inama, yibutsa ko ukuri gutinda ariko kudahera, ko kugorana ariko gukiza.

Yagize ati : " Nk'uko tuza kubigaragarizwa muri filime twateguye kwerekana muri iri huriro ryacu, "My neighbor, My killer", ukuri kurasana ntigutera impagarara, ukuri guca mu ziko ntigushya, n'ubwo kukwakira bitabangukira buri wese, ukuri kurabohora ntikuboha. Ubwo-roherane bw'umunyarwanda tubugire karande kabone n'iyu tuvuga ibiremereye nko kwicirwa no kwica. Ni ahacu twe abayobozi, gufata iya mbere tukaba intangarugero."

Ukuri ku byabaye mu Rwanda ni rimwe mu magambo yari agize insanganyamatsiko yahuje abanyamuryango ba Unity Club muri iyi nama. Ryagarutsweho kenshi n'abanyamuryango batandukanye. Babimburiwe na Musenyeri John RUCYAHANA, perezida wa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge avuga ati :*"Intego y'ukuri nayo irakomeye kuko ukuri kubyabaye mu Rwanda ntabwo ari ibisanzwe: kubwizanya ukuri mu burakari, ubwihebe no gucirwa urubanza mu mutima, ni ngombwa. Ukuri kurashakwa, kukavugwa, kukigishwa tukakugira umuco w'Abanyarwanda. Tugomba rero gufata ingamba zo kwigisha abana b'Abanyarwanda, abakuru n'abato, ndetse tugatanga n'impano ku bavuga ukuri n'abakoresha ukuri mu buzima bwabo kandi abatavugisha ukuri nabo bakabihanirwa. Ibi byakuraho ingeso yo kubeshya."*

Kuvuga ukuri, kuvugisha ukuri, kubeshya, kubeshyuzza... Ayo ni amagambo yagarutsweho kenshi n'abaganiraga, bungurana ibitekerezo. Ibyo byavuzwe mu rwego rw'ibyabaye (ukuri kuri jenocide), ukuri kubiri mu mitima y'abantu no mu mihindukire abantu bagombye kuba baragezeho ndetse no kubirebana n'ejo hazaza.

Habayeho no kugaruka kenshi ku rugero abaturage ba Ntongwe bari muri filime ya Anne Aghion, batanga. Haba kwibaza niba mu bayobozi Ukuri nka kuriya kwari kwagerwaho. N’ubwo nta mpaka ndende zagiwe, ariko Ukuri kwavuzweho kenshi nk’ikintu kigomba kubakwa mu Banyarwanda n’abayobozi barimo, ikintu kitaraganza. Hari ukuri, kuvugisha ukuri, kutabeshya no kwanga kubeshya bisaba kubeshyuzza uvuga ikinyoma uwo ari we wese.

3.1.5. Imiyoborere myiza, gahunda no kureba kure.

Inama y’abayobozi bo mu nzego nkuru nkabo Unity Club yari yahuje, yagombaga kugaruka ku buryo u Rwanda ruyoborwa. Kuyobora ntibijya byoroha na rimwe, ariko kuyobora u Rwanda rwa nyuma ya Jenocide byo *“bishobora umugabo bigasiba undi”!*

Kenshi umuyobozi w’umunyarwanda ahuriweho n’inshingano nyinshi, zimwe muri zo zisa n’izibusana. Hari kuba ari umuntu ku giti cye, n’amateka ye n’umuryango we, akenshi aba atoroshye kuko amateka y’u Rwanda ari ko ateye. Hari kuba ari umwe mubagize umuryango-nyarwanda bagomba kwigomwa inyungu zabo-bwite, zigahigamira inyungu-rusange. Uwo muyobozi afite benshi bamuhanze amaso,

bamukenyeyeho ibisubizo ku bibazo byabo-bwite. Afite ubushobozi ahabwa na Leta ku bw'inshingano yahawe. Arasabwa kureba kure, kwigomwa kandi nawe ari umuntu, afite na byinshi byamushuka. Hagati aho, arasabwa kuba intangarugero, kubera abandi urumuri, ibyiza ageraho ntabwo abaturage babitindaho cyane nk'uko batinda kubyemezo bitoroshye afata ku bw'inyungu z'igihugu, kuko kamere-muntu kenshi ari uko ikora.

Madame Jeannette KAGAME yagize ati : *Ndizera ko ntawe utakwishimira igikorwa nk'iki ubwacyo cyo guhura, tukaganira, tugasabana, burya ngo: "ukuli gushirira mu biganiro ". Ihuriro nk'iri, ni amahirwe n'umwanya tuba tugize nk'abayobozi ngo twongere twisuzume, duce bugufi, dushake mu mateka y'igihugu imizi y'ikibazo, dushakemo n'ibisubizo, byubakiye ku ndangagaciro z'umuco w'Abanyarwanda.*

Gacaca ni imwe muri gahunda za Leta zari zigoye kuzumvisha Abanyarwanda zigitangira. Nk'uko filime "My neighbor, My killer", ibitwereka ikoresheje ubuhanga n'ubushishozi bw'uwashe umwanya wo kwitegereza u Rwanda, dore imwe muri gahunda za Leta, yerekana ukureba kure no gutekereza imbere. Ubutabera buciye mu Nkiko-Gacaca, ni ikintu cyitashoboraga kumvikana mu itangiriro. Ariko cyatekerejwe kigabo, gikorwa cyizewe, none amahanga

yose ahabonye isomo, u Rwanda rwo ruhavanye ibintu bitabarika.

Nkuko byagaragariye mu kungurana ibitekerezo, nyuma yo kureba filime, gahunda y'ubutabera bushinga imizi mu muco nyarwanda, buvuye mu Banyarwanda... ni igitekerezo cyavuye kure, icyo gihe benshi badashobora kucyumva, ariko cyaje kuba umuti w'Abanyarwanda ku bibazo by'ingutu byari byazanywe na jenocide.

Kubasha gushyigikira no gukomeza gahunda y'Inkiko Gacaca, byasabaga kwirengagiza ko benshi mu baturage batahise babyakira neza, mu mahanga benshi bati : Ntibishoboka! Imiyoborere myiza ni ukugira gahunda, gushishoza, kudahuzagurika... kugira ibyemezo kandi ukabihagararaho. Aha, umwe mu banyamuryango wari warahuye na Anne Aghion wakoze filime *"My neighbor, My killer"*, yibukije abari mu nama ukuntu ugukurikirana kwa buri gihe ibyo wiyemeje bitanga umusaruro, kuko hari hashize imyaka icumi! Ati: *"Twe, nk'abayobozi b'Abanyarwanda, twari twiyemeje gushyiraho buriya butabera, twagendaga dusobanura hirya no hino kandi twarabikoze. Ariko kandi, n'uyu Anne Aghion aduhaye isomo ryo kuzirikana icyemezo yihaye, nkaba nibaza igihe twe Abanyarwanda tuzagera*

ku kwandika cyangwa gukora filime nk'iyi cyangwa iyo bisa, ku bintu bikorwa mu gihugu cyacu". Aha yahujije n'ibyagaragaye mu nama aho benshi bifuje ko habaho ubushakashatsi buhamye no kwandika ibivuyemo, neza kandi bigatangazwa ngo bifashe mu Rwanda no mu mahanga.

3.1.6. Ikiruta ibindi: Abanyarwanda bava inda imwe.

Twigarukeho, natwe turi abantu... *My neighbor, My killer* iratwereka abo tuyobora ariko iranatwereka abavandimwe bacu, ni imiryango yacu n'ibibazo byayo, byacu.

Umuyobozi Mukuru wa Unity Club yagize ati : *"Nshuti-bavandimwe, Banyamuryango ba UC, namwe batumirwa bacu, Gushimangira umuco w'ubworoherane n'ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda, ntibiva mu kirere. Twaje hano ngo twihereho, twe ubwacu nk'abayobozi, nk'abantu ku giti cyabo, nk'abagize iri huriro kugirango dusobanukirwe KUNGA n' UBWOROHERANE icyo bivuze mu gihugu nk'icyacu, kuri twebwe, mbere yo kubyumvisha abo tuyobora. Tuje hano ngo tugaruke kuri wa muco wo gukunda UKURI, tuganire, twumve kandi twumvishe bagenzi bacu ukuri twifuza mu Banyarwanda " dore ko uwanga amazimwe, abandwa habona!"*

Ubuwandimwe bw'Abanyarwanda, bwazahajwe na jenocide, uko yateguwe, uko yakozwe n'uko twabayeho nyuma y'uko ihagarikwa, ariko ntawabuhanagura burundu, ntawabwiyuhagira nk'uko umukecuru Nyirasangwa Felesita abyivugira muri filime *My neighbor, My Killer* ati : *Yari umwana wacu, mu muryango hariya kwa mabukwe, kandi n'ubu ni umwana wacu, ntabwo abakecuru tuzamwiyuhagira, ngo ni uko imiryango yashize. Ariko ntabwo tuzamwiyuhagira."*

Nk'uko byagaragaye kandi muri filime, nk'uko uwitegereza u Rwanda ashobora kubibona, na Jenocide ntiyashoboye kwibagiza burundu ko Abanyarwanda bashyingiranaga, ko bahanaga inka, batabaranaga, bavaga inda imwe. Ibibi byabaye, ababikoze n'ababikorewe kenshi ni abantu bahuzwaga na byinshi, ari naho kubikiranura bisaba ubuhanga n'ubushishozi. N'abayobozi nabo ni Abanyarwanda, bibakoraho ku buryo bwinshi. Iyi ni imwe mu ngingo zagarutsweho kenshi mu kungurana ibitekerezo.

Ubuwandimwe bw'Abanyarwanda bwari bwagarutsweho na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, yibutsa ko abandika amateka y'u Rwanda benshi bakivugira ibyo biboneye ku

Rwanda, bagacamo ibice Abanyarwanda, bigera n'aho babahimbira indimi zitabaho. Yakomeje abwira abayobozi bari bateraniye aho ngaho ko bagomba gushyigikira ubushakashatsi ku mateka y'u Rwanda, bigakorwa na bene byo, bikandikwa kandi bikamenyekanishwa, bityo bigafasha abavuka mu Rwanda, kumenya amateka yarwo no kutaba imbata z'ibibi byayagaragayemo.

Abenshi bafashe ijambo mu kungurana ibitekerezo, bagarutse kuri ubwo buvandimwe, bibutsa ko bwabangamiwe n'abafungiranye Abanyarwanda mu buhutu, ubutwa, ubututsi, bakabiboherwamo imyaka myinshi. Bamwe bagaragaje impungenge z'uko no ku rwego rw'abayobozi hari imyitwarire ikiboshywe n'ayo macakubiri. Abandi bagarutse ku ntera u Rwanda rumaze gutera rwitandukanya n'ibyo bihe by'umwijima.

Muri uko kungurana ibitekerezo, hasabwe ko abantu babohoka, bakaganira baganisha imbere, bagasangira ubuvandimwe ndakuka bw'Abanyarwanda.

3.2. Gutangaza ibyemezo-ngiro by'inama ya 03 ya Unity Club.

Nk'uko byari byavuzwe mu ijambo ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, nk'uko kandi byari byifujwe mu nama zateguraga inama ya 03 ya Unity Club, ibyemezo-ngiro byagombaga kwihutishwa kandi bikagaragarizwa buri munyamuryango mu magambo magufi, afite intego zifite igipimo bityo zikazakurikiranwa bigaragara, bikaranga imikorere mishya ya Unity Club.



Umunyamabanga-Nshingwabikorwa wa Unity Club, Madame Régine Iyamuremye, mu izina rya bagenzi be, yahise atangaza ibyemezo-ngiro biturutse mu nama mbere yo gusozza icyiciro cyayo cya mbere:

3.2.1. IBYEMEZO-NGIRO
BY'ABANYAMURYANGO BA UNITY
CLUB.

Ku bw'urukundo n'inyungu z'u Rwanda n'Abanyarwanda, Abanyamuryango ba Unity Club twiyemeje:

- Gushyira inyungu z'Igihugu n'iz'Abanyarwanda ku isonga, tukirinda ibidutandukanya, bishingiye ku nyungu bwite;
- Kwanga no kurwanya ikibi n'akarengane, aho byaturuka hose, uwabikora uwo ari we wese;
- Kugira imyumvire imwe ku byiza by'Igihugu n'ibyagirira Abanyarwanda akamaro (national consensus) no kubisobanurira abo tuyobora;
- Kugira ibyacu "ownership" ibikorerwa Abanyarwanda n'ibyemezo bibafitiye akamaro , no kugira ubwitange mu gukemura ibibazo byabo;

- Kugira imikorere irangwa no gutahiriza umugozi umwe “team spirit” mu mirimo yacu, bikagaragarira:
 - Mu kuvuga ukuri no kukwemera, ukuri kukaba impamo n’ihame mu buyobozi no mu bayobozi; tugaca ingeso yo kubeshya tunatinyuka kubeshyuza;
 - Mu bwoherane mu kazi, twirinda kubwitiranya no kwemera cyangwa guhishira amakosa, uwayakora uwo ari we wese, tugaharanira ishema ry’igihugu n’iry’abanyarwanda.
- Guharanira kuganisha aheza abo tuyobora, tububakamo ubushobozi, tukanagira ubwitange n’umurava bihoraho.
- Gukora gahunda zakwibanda by’umwihariko ku rubyiruko no ku banyarwanda baba hanze y’igihugu (diaspora)

=====

Nyuma yo gutangaza ibyo byemezo-ngiro, abanyamuryango basabwe kubikorera ubugororangingo, bemeza ko binoze. Abari bateraniye mu nama hamwe n'abatunirwa biyemeza ibyo byemezo-ngiro.

3.3. Ijambo ryo gusozza inama Nyakubahwa Perezida wa Sena, mu izina rya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.



Ibyemezo-ngiro by'inama ya 03 ya Unity Club bimaze kwemezwa, nyakubahwa Perezida wa Sena, wari watumwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, yashoje icyo cyiciro cy'ibiganiro agaruka kandi

ashimangira ibyari byaganiriweho. By'umwihariko, yagarutse k'Ubworoherane mu buryo busanzwe no mu rwego rw'imibanire y'ibitekerezo nyapolitike.

Yatangiye ashima ibyemezo-ngiro, ati : *“Ndashima ibyemezo-ngiro tumaze kugeraho mu kanya, akaba ari byo tuzagenderaho, mu minsi iri imbere.”* Yongeye kwibutsa abari mu nama inshingano ikomeye y'abanyamuryango ba Unity Club, abonamo intumwa z'amahoro, intumwa z'ubumwe n'ubwiyunge ku Banyarwanda bose. Yibukije icyemezo cyo gufatanya no gukorera hamwe kugira ngo intego Unity Club yubakiyeho igerweho. Yasohoje ubutumwa bwa Perezida wa Repubulika : ko yongeye kubizeza inkunga ye igihe cyose n'aho bazayikenera hose.

Yagarutse kandi k'Ubworoherane n'Ukuri abonamo ibyangombwa bituma ubumwe n'ubwiyunge bigerwaho. By'umwihariko, yashimangiye inyigisho y'Ubworoherane mu bantu ariko aganisha cyane k'Ubworoherane mu rubuga rwa politiki nyarwanda.

Yagize ati : *“Ubworoherane n'Ukuri ni ngombwa kugira ngo tugere ku bumwe n'ubwiyunge. Tugomba kwemera kandi ko hazabaho igihe cyose kugira ibitekerezo bitandukanye, n'uburyo butandukanye bwo kumva no gukora ibintu”*. Asobanura ko : Kubera ko abantu

baremwe batandukanye kandi buri wese akaba afite ibyiza muri we, abandi basabwa kumenya kubyakira, no kuba byagira icyo bibasigira. Kwemera uko gutandukana kw'abantu ni amwe mu mahame ya demukarasi igihugu cyacu cyubakiyeho. Koroherana biduha kwakira ibitekerezo byose, bikayungururwa, bigakorerwa ubugororangingo maze bigashakishwamo ibizagirira igihugu akamaro. Kwakira ibitekerezo by'abandi, kwemera kugirwa inama no gukosorwa, tubivana muri uko koroherana, mu gukunda ukuri no kwicisha bugufi. Ku muyobozi, ni ngombwa kwemera kunengwa, kumenya gutega abandi amatwi cyane abo tuyobora. Ijoro ngo ribara uwariraye, kuyobora nabi abaturage, twe tuzi aho bishobora kugeza igihugu. Yibukije ko hakurikijwe ibyari byagaragariye mu biganiro, hari ubwo abaturage baba bafite n'inyigisho bageza ku bayobozi kuko hari byinshi byagezweho mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu gihugu cyacu n'abo babigizimo uruhare.

Yongeye kuzirikanisha abari mu nama uburemere bw'ibihe igihugu cyacyiyemo, ari no muri ayo mateka mabi hagituruka ibibazo bimwe na bimwe bikomeje kubangamira uwo muco w'Ubwoherane mu rwego rwa politike.

Yagarutse kandi ku munsu ukomeye w'uwa 04 Nyakanga, umunsi u Rwanda rwizihiza Ukwibohora, ati si ukwibohora kw'igihugu gusa ni ukwibohora kuri buri wese kandi ntawabohoka igifite ibitekerezo by'umujinya muri we, afite amacakubiri no gutunga indimi ebyiri. Kwibohora ni uguhindura imyumvire kandi abayobozi ni umusemburo w'uko guhinduka.

Yavuze ko : yaba ari ukwibeshya turamutse dutekereje ko abaturage bacu, igihugu cyacu byabohoka niba twe tutarabohoka. Ukuri ni ko kuturinda ibibi byinshi tuzi, twe nk'abayobozi dufite inshingano zo kuganisha u Rwanda heza, cyane ko tuzi neza amateka agoye twanyuzemo.

Mu izina rya Perezida wa Repubulika, perezida wa Sena yashoje inama asaba abayobozi bari bateraniye aho kurushaho kuba urugero rw'ibyo byiza bifuriza u Rwanda n'Abanyarwanda, mu Kuri, mu Bworoherane byubaka ubumwe n'ubwiyunge buhamye.

3.4. Ubutumwa bw'abahanzi n'abanyamakuru "Ibyamamare 100" mu busabane.



Imiyoborere myiza igaragarira muri byinshi birimo kumenya guha amahirwe ibitekerezo by'abaturage batandukanye no kubahuza n'abayobozi bakungurana ibitekerezo. Abahanzi n'abanyamakuru b'Abanyarwanda bari bagize igitekerezo cyiza cyo gukoresha ubumenyi n'ubushobozi bwabo ngo bafate uruhare rugaragara mu rwego rwo gusoza icyunamo cya Jenoside no kwizihiza imyaka 16 y'Ukwibohora kw'u Rwanda, kuwa 04 Nyakanga 2010.

Inama ya 03 ya Unity Club yari yiyemeje kubaha rugari, mu cyiciro cyayo cya kabiri, bahawe urubuga,

umuhanzi w'umunyarwanda Bamporiki Edouard, amurika igitabo cye *"Icyaha kuri bo, Ikimwano kuri jye"*, abandi bararirimba, barasiga... batanga n'ubutumwa bwabo kwasomwe n'ubahagarariye, Epa Benamungu. Bavuze ko uyu muni, abahanzi n'abanyamakuru bishyize hamwe, bazirikana kandi bibuka bagenzi babo bazize jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994, bakaba bagamije gutuma batazibagirana. Banavuze ko bazi neza ukuntu umwuga wabo wakoreshejwe nabi n'ubuyobozi bwateguraga, bukanakora jenocide, bavuga ko bo biyemeje kuzahanagura iryo zina ribi barushaho kuba intangarugero mu kwamagana icyagarura amacakubiri cyangwa jenocide. Bagaragaje kandi ko bifuzaga gufasha abanyapolitike mu kurushaho gukorera u Rwanda, baruganisha heza. Bemeza ko ubuhanzi ari inkongi ikomeye mu gusana umuryango-nyarwanda.

4. INAMA YA 03 YA UNITY CLUB NO GUTEKEREZA EJO HAZAZA.

Abagize Komite ya Unity Club n'abateguye inama, babona byinshi bafite umwanya uhagije wo kubyibazaho, bakanatangira gutekereza ibizakurikira iyo nama. Kugira ngo ibyo bitekerezo byandikwe bikiri mu mitwe y'abo bayobozi bafite n'izindi nshingano nyinshi, kugira ngo n'ejo bizafashe mu mirimo ya Unity Club, hifujwe ko bamwe mu bari bagize uruhare rwihariye mu gutegura inama ya 03 ya Unity Club, batanga ibitekerezo byabo ku ngingo zimwe na zimwe zateguwe n'impuguke yafashije mu gutegura inama, izo ngingo ziganirwaho. Harimo:

- Ubuyobozi bwa Unity Club (02),
- Minisitiri w'Umuco na Siporo,
- Ubunyamabanga-Nshingwabikorwa bwa NURC,
- Ubunyamabanga-Nshingwabikorwa bwa Unity Club.

Gutegura inama wabifatiye umwanya, biguha kubona agaciro kayo. Gutegura no kwandika raporo wicaye neza kandi wumva ko hari urugendo rwari rusanze nawe ugiye gushyiramo intambwe yawe, kabone n'iyi ari nto,

biguha kwibaza, ugashakisha ibisubizo, waba ugira amahirwe ugahura n'ababiguha batitangiriye itama. Kubyandika bikaba inshingano.

Kumenya neza Unity Club byatumye nje, Assumpta MUGIRANEZA, nifuzza kutarangiriza kuri raporo ifunga imirimo y'inama ya gatatu, ahubwo haba gufungura urubuga rw'ibitekerezo bifatanya ibyagezweho, ibivugwa none ngo hategurwe ejo hazaza, nta kuva mu murongo wa Unity Club.

Ibigaragazwa n'iki gice cy'inwandiko, bituruka mu biganiro bigufi, abayobozi bagize uruhare rwihariye mu gutegura inama ya 03 ya Unity Club bemeye ko tugirana. Barimo, hakurikijwe uko twahuye :

- Mme Monique Nsanzabaganwa, Minisitiri w'Inganda n'Ubucuruzi, akaba visi-perezidante wa mbere wa Unity Club.
- M. Joseph Habineza, Minisitiri w'Umuco na Siporo,
- M. Jean Baptiste Habyarimana, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge,
- Mme Régine Iyamuremye, Umunyamabanga-Nshingwabikorwa wa Unity Club,

- Mme Kayitesi Sylvie Zainabo, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Ibitekerezo byabo biragaragaza gusangira umurongo umwe kabone n'ubwo buri wese yagiye agerekaho umwihariko ujyanye n'uko Imana yamuremye, imirimo akora, igihe amaze mu muryango Unity Club n'ibyo awushinzwemo nk'umunyamuryango.

4.1. Unity Club, intango (pionnier) y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda.

Ugize amahirwe yo kurebera bugufi uyu muryango, amenya ko wavutse kare kubera ibyari bikenewe ku buryo bufatika, bugaragarira buri wese. Wavutse ari igisubizo ku kibazo cyariho, ku mugaragaro, ikibazo cy'imibanire y'abayobozi, muri Guverinoma y'inzibacyuho, ufata iya mbere mu kwigisha no gushyira mu bikorwa ubumwe n'ubwiyunge.

- ***Umuntu aribaza ati : Ko Unity Club imaze kuba ubukombe, ifite amateka-ntangarugero ariko atazwi neza n'Abanyarwanda, bikaba nta n'inyandiko mbwirwaruhame ibitangaza, ese biterwa n'iki? Kuki uyu muryango utazwi neza mu baturage, kandi ari urugero rukomeye rw'ubumwe n'ubwiyunge?***

Ingingo eshatu zubatse igisubizo :

4.1.1. *Kwemera indangamuntu ya Unity Club*: Nibyo koko, Unity Club yavutse ikenewe, ku gitekerezo cy'abazi kureba kure, ihangana n'ibibazo byariho icyo gihe kandi ibyitwaramo neza, bigera aho yivugurura yongera abanyamuryango, Ishingiye cyane ku bagore n'ubwo abagabo badufasha kuva muri 2007. Nta muco wo kwikorera imenyekanisha cyangwa iyamamaza (publicité) dufite muri Unity Club. Twifuza ko twagera ku ntera abanyamuryango ba Unity Club bo ubwabo babaho ari *intwararumuri zawo mu buzima bwabo bwa buri muni*.

4.1.2. *Abanyamuryango ba Unity Club, barasabwa kurushaho kwiyumvamo ubunyamuryango*: Ntibakomeze kumva ko inshingano za Unity Club ari ikintu kitari muri bo, imuhira cyangwa mu mirimo bashinzwe, ikintu kiri hanze bahura nacyo iyo baje mu nama cyangwa mu zindi gahunda za Unity Club. icyifuzo ni uko buri munyamuryango yagera aho yumva ko buri gihe n'aho ari hose ari intumwa ya Unity Club, abazwa ibyayo akayisubiriza.

4.1.3. *Gushyiraho uburyo bushya bwa mobilisation* butuma mu nshingano nyinshi bafite hahoramo ikintu kibibutsa ko ari abanyamuryango ba Unity Club, bakazirikana ibyemezo-ngiro bemeje hamwe n’abandi bagenzi babo. Ni ukwiga kuri iyo mikorere mishya, bigashakirwa n’uburyo bwo kubigeraho.

4.2. Ibyemezo-ngiro, umurongo mbonera wo kugenderaho, igipimo cy’ibikorwa.

Umuyobozi mukuru wa Unity Club yabitanzeho amabwiriza mu ijambo ryo gufungura inama : *“Ngarutse ku biganiro bindi twagize nka Unity Club, twagiye dufata imyanzuro myinshi kandi myiza, ariko twasanze aho tugeze hagomba gushyirwaho uburyo bushya bwo gufata ibyemezo, birebana n’imikorere y’ihuriro ryacu, tukava mu byifuzo bigari, tugaha umwanya ibyemezo-ngiro, bifite umurongo-mbonera wumvikana kandi bitanga n’inzira zituma bizagerwaho. Tugashyiraho ibipimo bifatika, bizaduha kumenya aho tugeze, mu gushyira mu bikorwa ibiva muri iri huriro”*

Mu nyigo ngufi yakorewe Unity Club ku ishyirwamubikorwa by'imyanzuro yabo, hagaragaye ko abanyamuryango banenga ko imyanzuro myiza ifatirwa mu nama za Unity Club idashyirwa mu bikorwa (3/10).

➤ ***Nyuma yo kuba harafashwe ibyemezo-ngiro aho kuguma mu myanzuro migari umuntu yakwibaza uko inzego z'ubuyobozi bwa Unity Club bubona uko guhinduka kw'imikorere yayo.***

Mme Nsanzabaganwa arabyemera ariko akanagaragaza impungenge zituruka ku bintu bibiri : Uko guhinduka ni ngombwa, kurihutirwa ariko na none, azi neza ko abanyamuryango ba Unity Club barimo abantu basanganywe inshingano nyinshi cyane, basagura igihe gito cyane. Arasanga hagomba kubaho guhura kw'abayobozi, gushyiraho umurongo w'ibikorwa bishoboka, abantu batigerejeho, bakiha igihe bakazagera kuri ibyo byemezo. Ikindi, kubwe asanga ibyemezo ngiro bigomba kunononsorwa, hakigwa uko byashyirwa kuri gahunda y'ibikorwa, bikazashyirirwaho urutonde rwo kubishyira mu bikorwa.

Ibi abihurizaho na Mme Kayitesi, wifuza ko abantu bafata umwanya uhagije wo kugaruka ku byemezo-ngiro by'inama ya gatatu, bakabiganiraho bitonze kandi babyibonamo, noneho intambwe itaha

ikaba iyo kubigarukaho, harebwa ibyagezweho n'ibigikeneye ingufu. Arasanga inama y'ubutaha igomba kuzagaruka kuri uko guhinduka no guha umwanya muremure gupima ibyagezweho n'ibigomba gukurikiranwa, aho guhita hafatwa izindi nteruro nshya.

Mme Iyamuremye, nk'umunyamuryango urambye akaba n'umunyamabanga-nshingwabikorwa wa Unity Club, asangiye na bagenzi be ubwo buryo bwo kureba iyo nshingano yatanzwe n'umuyobozi mukuru w'umuryango, ariko akagira akarusho k'umuntu uzaba ari ku mukondo w'akazi bizasaba ngo habeho uko guhinduka. Hari ukwiha igihe koko, hari kubikwirakwiza mu banyamuryango, bikabacengeramo maze bakabigiramo uruhare rugaragara. Ariko cyane, hari no gushaka uburyo bwo gusohoza imirimo y'ubunyamabanga-nshingwabikorwa bwa Unity Club : buturuka ku bakozi bakenewe n'amafaranga akoreshwa muri ibyo byose (ressources humaines et financières).

M. Habineza, kimwe n'abo bayobozi batatu bamaze gufata ijambo, bahuriye kuri iyi ngingo : Ikibazo cyo gushyira mu bikorwa ibyemezwa mu nama ya Unity Club gituruka na none ku kuba hakiri abanyamuryango bataribonamo bihagije indangagaciro za Unity Club. Asanga hari abayobozi bamwe bareba uwo muriyango batawibonamo bihagije, nk'aho hari umuryango ku ruhande rumwe, hakaba nabo (nk'abayobozi) ku rundi.

Ati : intambwe ya mbere tugomba gukosora ni ukwibutsa birushijeho abanyamuryango bacu ko aho bari hose, mu mirimo yabo no mu mibereho yabo isanzwe ari intwararumuri za Unity Club, ko ibizashoboka aribo bazaba babigizemo uruhare ruhanye. Ibi bikaba bihuje n’ingingo yagaragajwe haruguru.

Ikindi bose bahurijeho ni uko muri manda nshya ya Perezida wa Repubulika, nyuma kandi y’inama ya 03 ya Unity Club, hari icyiciro gishya cy’ibikorwa gishobora gutekerezwa ku ntera ndende, bakaba bagiye kubiha umwanya, bakabyiga. Bagaragaje icyizere mu migambi igiye kugenwa ku bihe biri imbere bugufi.

4.3. Ihuriro twisanzuramo, tugasasa inzobe, tukaba twakwirekura...

Mu bintu abanyamuryango ba Unity Club bashima, ni ukuba yarabahaye ihuriro bisanzuramo hagati yabo, bakavuga akabari ku mutima. Ariko na none, bagaragaje kenshi ko bahura gake kandi mu gihe gito ku buryo batabasha kwisanzura nk’uko bo bumva babikeneye. Bagaragaje icyifuzo cy’uko hashyirwaho ubundi buryo bwo guhura, birenze amasaha gusa, ahantu batindana, bakazagera aho birekura umuntu akaganira no kubyo adasanzwe aganira na bagenzi be.

➤ ***Umuntu akibaza ati : mu buryo bushya bwo gukora bwa Unity Club, icyi cyifuzo kirakirwa gite kandi cyashyirwa mu bikorwa gite?***

Abayobozi bose bahuriye ku kintu cyari cyavuzwe n'ubundi : umwanya w'abantu ni muto cyane kuko basanzwe bafashwe na byinshi, ariko bose banemeraga ko icyo kintu kigomba kugarukwaho. Abayobozi ni Abanyarwanda, bikoreye amateka yabo n'imiryango yabo atoroshye, bashobora gukenera ahantu biruhukiriza, birumvikana.

M. Habineza yifuzaga ko habaho ihuriro ritari nk'inama isanzwe ihuza Unity Club, hakaba kwirekura, abantu bakaza bambaye bisanzwe, bakidagadura, bagasabana batindanye hamwe, bakagira "ambiance" imeze nk'iyi mu gihe cyo kwamamaza aho abantu birekura bagaseka babivanye ku mutima, ntabwo kwifatafata. Ati : Umunsi abantu bazahura muri ubwo buryo, nta kabuza bizabaruhura, bibabohore, bafatanye hagati yabo.

Mme Nsanzabaganwa na Mme Kayitesi bemera ko byagira akamaro ariko barakibaza uko byakorwa, isura byafata, kuko haba wa mwanya, haba bwa buryo bwo gukoresha, byose birasaba gutegurwa.

M. Habyarimana we, nk'umuyobozi urambye muri Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, yagaragaje icyizere abona muri icyo cyifuzo. Kenshi Komisiyo yifuje

guhuzwa abayobozi mu buryo bwenda gusa n'ingando cyangwa umwihereho ariko umwanya ukanga ukaba ikibazo. Kuba nabo ubwabo bifuzwa guhura birenze ibikorwa mu nama za Unity Club, ni icyerekana ko igitekerezo cya Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge ari kizima, gikenewe akaba yizera kuzafatanywa na Unity Club ndetse n'izindi nzego ngo iki gikorwa gitegurwe kandi NURC ikaba yifuzwa kugifatamo uruhare runini.

Byahaye uwo muyobozi wa NURC kongera kugaruka k'ubufatanywa na Unity Club, yishimira uburyo bari bafatanije gutegura inama, ati : Nanyuzwe no kuba abayobozi bacu barabashije kureba iriya film "My beighbor, My killer" kuko nzi neza ko ifite ubukungu ndasubirwaho ko kandi ikora ku mutima wa buri wese uyirebye, ni igipimo gikomeye cy'ibyo twagezeho. Nanyuzwe kandi no kuba mu byemezo-ngiro byafashwe harimo gufatanywa n'izindi nzego z'ubuyobozi. Twe twari tuhasanzwe ariko turifuzwa no gukomeza birenzeho, kandi vuba kuko twe tumenyereye gukorana n'amatsinda manini.

Mme Iyamuremye yagaragaje ko kuba n'ibyagezweho uyu muni byarashobotse ari uko abantu babikoranye umutima wo kwitanga, bakiha n'igihe cyo kuganira kuri buri ntambwe bagiye batera. Yibukije ko mu byemezo-ngiro harimo no kurushaho gukorana n'izindi nzego z'ubuyobozi. Ati : tugomba kubaka

igitekerezo cy'ibikorwa tukabona kugishyira mu ngiro. Yagaragaje kwifuza kurushaho kuganira n'abagize komisiyo za Unity Club, bakagaruka ku byavuye mu nama ya 03 ya Unity Club, bakabisesengura, buri komisiyo ya Unity Club igakurikirana by'umwihariko ibirebana n'inshingano zayo, ari nako igaragaza umurongo wo kubishyira mu bikorwa. Ibi byo kuzongerera igihe amahuriro ya Unity Club nabyo bizigwaho. Yemera ko abantu batandukanye, hari abifungurira mu mahuriro asanzwe, hari n'abandi bazakenera kwigira hirya, gutindana ngo babone bifungure, bibohore. Nabyo asanga bizaganirwaho mu mikorere n'izindi nzego.

Ikigaragara nk'uko byari byagiye bigarukwaho mu gutegura inama kandi hakurikijwe n'inyigo zigenda zisohoka hirya no hino, umuyobozi w'umunyarwanda afite inshingano zigoye by'umwihariko kuko kuyoborera u Rwanda bishobora umugabo bigasiba undi. Bityo rero, gutekereza uburyo bubungabunga n'abayobozi ubwabo nk'abantu, bikaba ari ikintu gikomeye, kigomba gufatirwa ingamba.

4.4. Turamutse duteguye inama itaha uyu munsu...?

Ntabwo twari kurangiza tutibajije inyigisho iri mu gutegura iyi nama n'uko yagenze ngo bitange umwanya wo kwanzura no guteganya.

Muri rusange, hagaragaye ko inama yagenze neza kuko yari yanateguwe neza. Kuba harabaye kujya impaka mu bategura kugeza mu gitondo cy'umunsi w'inama, bisa n'ibyafashije kurushaho gukurikira ibintu.

Mme Nsanzabaganwa asanga byaratumye abantu bakanguka kurushaho, basesengura kurushaho cyane cyane inyigisho zari zikubiye muri film yasebuye ibiganiro. Kuri we, ni ikintu nk'umuyobozi abona ari ngombwa: kwibaza no kwemera ko abantu batabona ibintu kimwe, kwakira ibituruka mu baturage kabone n'iyi wowe muyobozi uba atariko ubitekereza. Yasanze ari kare kubwe ngo atange ishusho yifuza ku nama itaha, ariko arifuza ko birushaho kugenda neza nta gusubira inyuma, bikitonderwa, bikazibanda mu gutunganya ibyemejwe mu nama tuvuyemo.

M. Habineza asanga inama yarateguwe neza ariko kubwe abantu ntibarabohoka bihagije, ngo bisanzure, bishyire bizane. Baracyicara basa n'abareba abandi ku maso ngo bamenye nabo uko babikora, ugasanga batinya kuvugira ukuri kwabo ahongaho.

Yibutsa ko byanavuzwe ko hari abaganira nyuma y'inama kandi batashatse gufata ijambo mu ruhame. Yifuza ko itaha yategurwa mu buryo abantu basabana cyane, bakirekura, bakaganira kurushaho. Yishimiye uruhare ibintu bifite imizi muri minisiteri ayobora byagize mu nama ya Unity Club, haba film akunda kandi ashima, haba ubutumwa bw'abahanzi n'ubusabane. Yongera kwibutsa kandi ko hari Uguhinduka kw'Abanyarwanda ari kimwe mu bintu bigomba kugerwaho ati : Minisiteri ishinzwe umuco ibifitemo uruhare rukomeye kandi njye ndabyemera, nkanabikurikiza.

M. Habyalimana yishimiye intera nshya y'ubufatanye mu gutegura inama ya Unity Club, asanga kuba harabaye ubufatanye NURC, UC n'umushakashatsi kuva mu ntango byaratumye inama ifata umurongo mwiza wubakitse ku buryo n'igihe habayeho impaka, byagaragaye ko abari mu gutegura kuva mbere bari bafite aho bageze bakabasha kugaragaza ingingo bashingiraho kandi akaba arizo zemezwa. Ati : abantu bagomba kwiha umwanya n'igihe bagategura neza ibyo bashyikiriza abandi. Inama itaha igomba gutegurwa neza nayo, harimo ubufatanye bwinshi ... Ikarushaho kuba nziza.

Mme Kayitesi yashimye uburyo ibintu byagenze, asanga hagomba kubaho uguhura kenshi kwa za

komisiyo za Unity Club, bakabanza kwinjiza mu mitwe neza ibyemezo-ngiro, buri wese akiyumvisha uruhare rwe, maze gutegura inama itaha bikazagaragaramo kureba neza aho ibyemejwe bigeze, ibitarashobotse n'impamvu bitashobotse. Ati : kenshi abantu bihutira kujya mu mirongo mishya ntibabone umwanya wo kugaruka ku byemezo byafashwe. Asanga hari byinshi bigomba kuganirwaho, gukorwaho mu bihe biri imbere bugufi, mbere yo kugera ku nama iba rimwe mu mwaka cyangwa imyaka ibiri.

Mme Iyamuremye nawe yishimira uburyo inama yateguwe mu bufatanye, mu gutangira kare no muguhuriza byose ku murongo-mbonera. Arasanga bizafasha mu gukomeza gukora kwa Unity Club hakurikijwe ibyemejwe bigomba gutangira gushyirwa mu bikorwa, ikigezweho kikamurikira igikurikiyeho, byose bigakorwa nta guhubuka, nta kwirara ariko bigakorana umurava n'ubwitange bihoraho. Ibyo kandi bizanagirwamo uruhare n'ukuntu uburyo bwo gukora (abakozi n'amafaranga) buzaboneka kuko hari uguhinduka mu mikorere twatangiye. Ku bwe, imirimo igomba gukorwa kandi neza mu mwaka wose, kugera ku nama ngari bikaza bifite aho bishingira hahamye kandi hanoze. Mbere yo kugera ku nama itaha, aratekereza kurushaho ibizakorwa muri za komisiyo no mu nama

nyinshi ziri imbere. Gutegura ni uguhozaho, mu mikorere mishya ya Unty Club biri kuri gahunda.

Mu kurangiza...

Unity Club yahuje abantu itangiza ibiganiro ku nshingano ikomeye y'Ubumwe n'Ubwiye, igihe bitari byoroshye, igihe imitwe isanzwe itabishyikiraga... Hari ingingo zimwe zikomeye mu kubaka amahoro, ubumwe n'ubwiye burambye kandi bukingira abana b'u Rwanda bagomba kuzabaho nta mpungenge yo gusubira aho tuvuye... Izo ngingo, ziganirwaho gake n'abashakashatsi bamwe. Ese Unity Club irabona mu minsi iri imbere, ishobora kuzatangiza ibiganiro biganisha kuri mwene izo ngingo kandi bigakorwa mu buryo buzamurikira Abanyarwanda n'abandi bataragira amahirwe yo gusobanukirwa bihagije.

Icyizere cyo guhora ku isonga mu guhangana n'ibibazo by'igihugu :

Icyashimishije umushakashatsi w'umunyarwanda kuri iki kibazo ni uko yaba Minisitiri Monique Nsanzabaganwa, Minisitiri Josphe Habineza, Honorable Sylvie Kayitesi, Docteur Jean Baptiste Habyalimana na Madame Régine Iyamuremye, bese ku rwego rwabo rw'akazi, rw'abanyamuryango ba Unity Club n'urw'Abanyarwanda bazi ibyabaye, aho tugeze n'aho bifuzwa kubona

u Rwanda, bemera ko hari ibibazo bimwe bikigoranye kuba byaganirwaho mu rubuga rugari. Kubera ko u Rwanda rufite amateka aremereye, hakaba n’abantu barimo abanyamahanga bakomeza gushaka kuruharabika bitwaje ibibazo by’amateka, hagomba kubaho kwitonda no gushishoza mbere yo gutangiza ibiganiro ku ngingo zimwe zibonwa cyane cyane n’abashakashatsi. Bemera ko Unity Club mu mikorere yayo ishobora kuzatangiza mwene ibyo biganiro hifashishijwe inzego za Leta ziriho, inyangamugayo z’Abanyarwanda bazi kureba kure n’abashakashatsi. Ariko byose birasaba kwitonda, gushishoza, kugira gahunda.

Mbere yo kurangiza, ntawakwibagirwa gushimira by’umwihariko abagiza komisiyo y’ubuvugizi n’abagize inteko bo muri Unity Club n’itsinda ryo muuri NURC, kubera uruhare rw’agaciro bafashe mu gutegura iyi nama ya 03 ya Unity Club.

***Iyi raporo yandikiwe i Kigali,
Nyakanga-Kanama 2010.
Assumpta MUGIRANEZA
Impuguke, Umushakashatsi.***

Annexes :

Annexe 01 Concept Paper,

**INYANDIKO IHINNYE Y'INAMA YA 03 YA
UNITY CLUB KU "URUHARE
RW'ABAYOBOZI MU GUSHIMANGIRA
UMUCO W'UBWOROHERANE N'UKURI,
TUGAMIJE KUNGA NO KUBANISHA NEZA
ABANYARWANDA"**

Kigali, 02/07/2010

Iriburiro:

Unity Club ni ihuriro ry'Abayobozi bari muri Guverinoma, abayihozemo, n'abo bashakanye. Ryatangiyeye muri Gashyantare 1996, rifite intego yo "kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro, byo nkingi z'iterambere rirambye". Umuyobozi mukuru wa **Unity Club** akaba ari Nyakubahwa Madamu wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Mme Jeannette KAGAME.

Mu rwego rwo kwiyubaka kw'Abanyamuraryango no kuba ku isonga mu kubaka no kubungabunga ubumwe bw'Abanyarwanda, **Unity Club** itegura inama

zihuza abanyamuryango bayo, hagamijwe gukomeza kubonera ibisubizo imbogamizi izo arizo zose zabangamira ubumwe bwacu.

Inama ya mbere yabaye kuwa 04 Ugushyingo 2007, ifite insanganyamatsiko igira iti: *“Kubaka ubumwe bw’Abanyarwanda uhereye mu muryango”*. Iya kabiri iba kuwa 15 Kamena 2008 ku nsanganyamatsiko iteye itya: *”Uruhare rw’abayobozi mu kubaka ubunyarwanda”*

Incamake y’imyanzuro yavuye muri izo nama:

- *Gukomeza kuba urugero rw’ubumwe bw’Abanyarwanda aho ariho hose, duhereye mu muryango yacu n’aho tuyobora, bikagaragarira mu myitwarire no mu mibanire myiza n’abandi.*
- *Kurenga amarangamutima tugaharanira icyagirira abanyarwanda bose akamaro, tukitandukanya n’ikibi cyose, ibyo twemera n’ibyo tutemera byose tukabiganira ku mugaragaro,*
- *Kwiyumva nk’abanyarwanda, batibonamo amoko, tugaharanira ko*

abanyarwanda bose barenga ibyitwa ubuhutu, ubututsi n'ubutwa amateka mabi yadushyizemo, tukiyumva nk'Abanyarwanda bashyize hamwe bashishikajwe n'ibyaduteza imbere n'igihugu cyacu.

- *Abayobozi bose, ku nzego izarizo zose zaba iza Leta cyangwa iz'abikorera, n'abanyarwanda bose, kugira umuco wo kuganira ku nzitizi zibangamira ubumwe bw'abanyarwanda no guhora baharanira kuzirandura burundu, kuko zibangamira bikomeye iterambere.*
- *Kwishakamo ibisubizo by'ibibazo Igihugu cyacu gifite, gusukura imitima yacu, guhitamo icyiza, gukosora amateka; amateka mabi twanyuzemo, tuyavanemo amasomo, aho kuzirika imitima yacu;*
- *Ko ubunyarwanda buva mu mvugo bukajya mu ngiro, mu mibereho yacu ya buri munsu nk'abayobozi, tukaba intwararumuri nyazo mu kwubaka ubunyarwanda,*
- *Kwimiriza imbere gushaka ibisubizo by'ingaruka za Jenocide no kurwanya ingengabitekerezo yayo.*

- *Nk'abayobozi tugomba kubanda ishyamba, ibibazo duhura nabyo ntibitsimbure ubunyarwanda, ahubwo bigashimangira kugira icyerekezo cyiza.*
- *Abayobozi mu nzego zitandukanye, gushyira muri gahunda zabo ibiganiro ku kubaka ubunyarwanda n'ingeri zitandukanye z'abanyarwanda;*
- *By'umwihariko kandi, izo nama zasabye gukomeza ibiganiro ku kubaka ubumwe bw'abanyarwanda hagati y'abayobozi.*

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye yafashije **Unity Club** mu gutegura inama ebyiri zabanje, kuko bihura n'inshingano zayo.

Uyu mwaka, **Unity Club**, irategura ikiganiro cyayo cya gatatu tariki ya 02 Nyakanga 2010, ifatanyije na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye, gifite insanganyamatsiko igira iti: ***“Uruhare rw'Abayobozi mu gushimangira umuco w'ubwoherane n'ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda”***. Hagamijwe gushyigikira ibyagezweho mu myanzuro yavuye muri izo nama ebyiri zabanje.

Intego rusange y'inama:

Kunga no kubanisha neza abanyarwanda, dushingiye ku muco w'ubworoherane n'ukuri.

Intego zihariye z'iyi nama:

- Gusobanukirwa neza no gusesengura amagambo "kunga", "ubworoherane";
- Gusana no kubaka umuryango-nyarwanda mushya, tugaharanira guhangana no gukemura ibibazo by'ingutu biri mu Rwanda rwacu, buri wese mu ruhare rwe, ubwitange no gushyira imbere inyungu-rusange kandi bigasaba guhozaho.
- Gukomeza gushyira imbere no gushimangira uko umuco w'ubworoherane mu banyarwanda washyirwa mu bikorwa bifatika bizakomeza kunga abanyarwanda na nyuma y'ugusozwa kw'inkiko gacaca.
- Guha abayobozi umwanya wo kureba, ku ntera ndende, bigatuma buri wese nk'umuyobozi yigarukaho akareba uruhare rwe bwite mu kubaka ubutabera bwunga no gushimangira ubumwe n'ubwiyunge.

- Kubaka no guteza imbere umuco w'ukuri, umuyobozi agahora azirikana anatoza abo ayobora kumenya kubaho mu kuri, bamenya ukuri, babwizanya ukuri, bagendera ku kuri.
- Kuzirikana no guha agaciro ubufatanye bw'abayobozi n'ibyiciro bitandukanye mu kubanisha neza abanyarwanda no gushimangira ubumwe bwabo.
- Kugaragaza uruhare abahanzi n'abasizi bashobora kugira mu kubaka umuco mwiza mu banyarwanda, iyo bagize ubuyobozi bwiza bafatanyije kandi bubaha urubuga rwisanzuye.

Ibizifashishwa mu gukora inama

- Gusembura ibiganiro herekanwa filime **“My neighbor, my killer”** ya Anne Aghion, 2009.
- Ibiganiro nyunguranabitekerezo.
- Gusangira ubutumwa butandukanye bw'Abahanzi b'ibyamamare b'Abanyarwanda.

- Kumurikirwa igitabo: **“Icyaha kuri bo, Ikimwaro kuri jye”** cyanditswe na Edouard Bamporiki.

Iyi nama isanze dufite aho tugeze.

Ibyagezweho n’igihugu cyacu, tubikesha ubuyobozi bwiza, ni byinshi. Inzego nyinshi zarubatswe zibigiramo uruhare:

- Itegeko Nshinga iri hame ry’ubworoherane n’ukuri bishingiyeho;
- Unity Club iri hafi kuzuza imyaka 15,
- Komisiyo y’Ubumwe n’Ubwiyunge yujuje imyaka 10,
- Inkiko-Gacaca zirasozza imirimo yazo,
- Tugiye kwizihiza imyaka 16 yo guhagarika Jenoside n’imyaka 16 y’Ukwibohora;
- Iyi nama kandi, ije mu gihe twitegura amatora ya Perezida wa Repubulika.

Ibishobora kuva mu nama

- Iyi nama ya 03 ya **Unity Club** iravamo imyanzuro igena ibikorwa bigaragara bifite igipimo cyerekana uko ubwiyunge bushingiye ku bworoherane n’ ukuri buzagerwaho, haba mu buryo buzakoreshwa no mu ngengabihe yabyo.
- Iratanga umurongo-mbonera w’ibyakorwa kugira ngo ibyiza bishimwa muri **Unity Club** byongererwe ingufu, higwe n’ibyifuzo byo kongera inama zihuza abanyamuryango ngo hakomeze gushyirwa mu bikorwa ibiri mu myanzuro ifatwa.
- Kwimakaza ubuyobozi bwiza bushingiye ku bayobozi bifitiye icyizere cyubakitse, bakagishimangira no mu Banyarwanda.

Kureba aho tugeze no kugenera ejo hazaza...

Gukora isesengura “*Bilan*” yabyo mu ihuriro nk’iri, bigamije gukomeza imbere, dutekerereza kandi tumurikira u Rwanda. Niba uwabaye umunyamuryango wa **Unity Club**

atavamo kuko ahinduriwe imirimo, bihuje n'igitekerezo ihuriro ryacu rishingiyeho. Twemera ko kuyoborera u Rwanda ari ukugirirwa icyizere ku bwenge no ku bushobozi yaba muri Guverinoma cyangwa indi mirimo mikuru y'igihugu.

Izi nama zizakomeza guhuza abayobozi byibura rimwe mu mwaka, bihe buri wese kuzirikana no gusesengura uko yagiye ashyira mu bikorwa imyanzuro iva mu nama mu nzego z'ubuyobozi ahagarariye, kurebera hamwe ingorane bagiye bahura nazo no kuzishakira ibisubizo.

Bityo uruhare-ntwararumuri rwa buri wese dushimangira umuco wo kworoherana, gukunda ukuri mu gukomeza kwibohora, kubaka ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, rugakomeza ubudahwema.

=====

GAHUNDA Y'INAMA YA UNITY CLUB YO KUWA 02/07/2010

1. Ikiganiro Nyunguranabitekerezo

15h00 - 15h30: Kuhagera kw'abatimirwa
15h30: Kuhagera kwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club
15h30 -15h35: Ijambo ry'ikaze, V/P wa Mbere wa UC, Monique NSANZABAGANWA
15h35 -16h50: Kubimburira ibiganiro ku umuco w'ubworoherane n'ukuri no kureba filimi "My neighbour , my killer", Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Bishop John RUCYAHANA
16h50-18h20: Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko y'umunsi
18h20 - 18h30: Imyanzuro y'Inama, Mme Regine IYAMUREMYE,
18h30: Ijambo risoza, Nyakubahwa Prezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul KAGAME
2. Igitaramo n'ubusabane
19h20 - 19h35: Indirimbo z'Inyamamare
19h35 - 20h35: Ifunguro

20h35 – 20h45: Kumurika igitabo “Icyaha kuri bo, Ikimwano kuri jye” / Edouard Bamporiki
20h50 – 21h00: Ubutumwa bw’Inyamamare, Ubahagarariye
21h00 – 21h05: Ijambo risoza, Nyakubahwa Minisitiri w’Umuco na Siporo
21h05 – 21h50: Ibihangano by’Inyamamare

**Annexe 03 : Discours y’Umuyobozi Mukuru wa
Unity Club.**

**Ijambo rya Nyakubahwa Madame
Jeannette KAGAME mu kiganiro cya
Unity Club ku “Uruhare rw’Abayobozi
mu gushimangira umuco
w’Ubworoherane n’Ukuri, tugamije
kubanisha neza Abanyarwanda”**

**SERENA HOTEL, Kuwa 2 Nyakanga
2010**

**Nyakubahwa Prezida wa Senat uhagarariye
Prezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na
Prezida w'Icyubahiro wa Unity Club,**

Ba Nyakubahwa batumirwa bacu,

Ba Nyacyubahiro, Nshuti, Bavandimwe Banyamuryango ba Unity Club,

Mbanje kubashimira kuba mwitabiriye ubutumire bwacu, nkaba nejejwe cyane no kuba twongeye guteranira hano twese, mu nama ya gatatu yaguye ya Unity Club, nyuma y'izo twakoranye mu Gushyingo 2007 no muri Kamena 2008. Duhuye turi benshi, kandi twese dufite intego imwe : ***“Uruhare rw'Abayobozi mu gushimangira umuco w'ubworoherane n'ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda”.***

Kuba twaratekereje kuri iyi gahunda ihoraho y'ibiganiro, tukiyubakira Ihuriro nk'iri, twe nk'Abanyarwanda bafite inshingano n'amahirwe byo kuyobora abandi Banyarwanda, ni uko twumva neza akamaro kabyo.

Ndizera ko ntawe utakwishimira igikorwa nk'iki ubwacyo cyo guhura, tukaganira, tugasabana, burya ngo: *“ukuli gushirira mu biganiro ”*. Ihuriro nk'iri, ni amahirwe n'umwanya tuba tugize nk'abayobozi ngo twongere twisuzume, duce bugufi, dushake mu mateka y'igihugu imizi y'ikibazo, dushakemo n'ibisubizo, byubakiye ku ndangagaciro z'umuco w'Abanyarwanda.

Iri huriro ridutera ishema, nk'abayobozi bari ku isonga ry'ibikorwa bigamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda, mu iterambere rirambye, tukarushaho kuzirikana ku uruhare rwacu mu kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro .

Twagize amahirwe yo gukorera mu cyerekezo cyiza, mu bwisanzure no kugira gahunda zihanye z'imiyoborere, turazirikana aho tugeze, n'uko twahageze maze turushaho gukomeza kwiyubakira Demukarasi, mu mutekano, ubworoherane no kubana neza mu mahoro n'iterambere.

Tuzi neza aho u Rwanda rwavuye, hatari horoshye na gato, kandi ibimaze kugerwaho muri iyi myaka ishize, ni byinshi kandi byiza . Ni ngombwa rero gukomeza gutera intambwe twirinda icyo aricyo cyose cyadusubiza

inyuma kandi buri wese akabigiramo uruhare. Nta kwirara, biradusaba guhozaho, imbaraga, ubwitange no kwigomwa kwa twese, kugira ngo umuco w'ubworoherane n'ukuri usakare mu Rwanda

Nshuti-bavandimwe, Banyamuryango ba UC, namwe batumirwa bacu

Gushimangira umuco w'ubworoherane n'ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda, ntibiva mu kirere.

Twaje hano ngo twihereho, twe ubwacu nk'abayobozi, nk'abantu ku giti cyabo, nk'abagize iri huriro kugirango dusobanukirwe KUNGA n' UBWOROHERANE icyo bivuze mu gihugu nk'icyacu, kuri twebwe, mbere yo kubyumvisha abo tuyobora. Tuje hano ngo tugaruke kuri wa muco wo gukunda UKURI, tuganire, twumve kandi twumvishe bagenzi bacu ukuri twifuza mu Banyarwanda " dore ko uwanga amazimwe, abandwa habona"!

Nk'uko tuza kubigaragarizwa muri filime twateguye kwerekana muri iri huriro ryacu, "My neighbor, My killer", ukuri kurasana ntigutera impagarara, ukuri guca

mu ziko ntigushya, n'ubwo kukwakira bitabangukira buri wese, ukuri kurabohora ntikuboha. Ubworoherane bw'umunyarwanda tubugire karande kabone n'iyi tuvuga ibiremereye nko kwicirwa no kwica. Ni ahacu twe abayobozi, gufata iya mbere tukaba intangarugero.

Ngo : "*Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera*". Benshi mu bazirikana aho u Rwanda rwavuye, bakaba bareba aho rugeze n'uko ruhagaze uyu munsi, badufitiye icyizere kuko bazi icyo byasabye ngo bigerweho ndetse n'ababyitangiye. Baratureba, badutezeho umurungo mwiza uhamye wo kugenderaho. Twibaze tuti: "Icyo cyizere Abanyarwanda badufitiye, twe turacyifitiye? Ese bo turacyibafitiye? Dukora iki, twitwara dute, tubaha ibihe bisobanuro, tubayoboye dute muri rusange ngo bigerweho?"...

Ngarutse ku biganiro bindi twagize nka Unity Club, twagiye dufata imyanzuro myinshi kandi myiza, ariko twasanze aho tugeze hagomba gushyirwaho uburyo bushya bwo gufata ibyemezo, birebana n'imikorere y'ihuriro ryacu, tukava mu byifuzo bigari, tugaha umwanya ibyemezo-ngiro, bifite umurungo-mbonera wumvikana kandi bitanga n'inzira zituma bizagerwaho.

Tugashyiraho ibipimo bifatika, bizaduha kumenya aho tugeze, mu gushyira mu bikorwa ibiva muri iri huriro.

Mu mikorere ya Unity Club, twasanze kandi hakenewe kongerwa ingufu, imigambi myiza dufata ikagerwaho, ikanavanwamo inyigisho zimurikira izindi nzego z'ubuyobozi ngo zishyirwe mu ngiro. Turaza kurebera hamwe uko twateza imbere imikoranire yacu n'izindi nzego, sinshidikanya kandi ko twabigeraho, twese dufatanyije.

Mbifurije ibiganiro byubaka, Murakoze

**Intercalaire qui annonce la version
anglaise**

REPORT OF THE 3rd SEMINAR OF UNITY CLUB.

Kigali Serena Hotel on 02/07/2010

*"The role of leadership to instill in a sustainable way
the culture of Consensus and Truth, seeking to
reconcile Rwandans and to improve their cohesion"*

1. INTRODUCTION

1.1. Unity Club, a pioneering initiative and promoter of Reconciliation in Rwanda.

Unity Club is an organization of current members of the government, former government and their spouses. Founded in February 1996, its mission is to enhance / improve the culture of unity and peace, the true pillars of sustainable development in Rwanda. The Chair of Unity Club is ensured by Mrs Jeannette Kagame, First Lady of the Republic of Rwanda.



Since its creation, Unity Club has increased initiatives for meeting, discussion and joint action aimed to address the issues of unity and reconciliation that needed to be rebuilt between the Rwandans, Government members' natural part of the Rwandan community, and being accountable to take the lead in this direction towards reconciliation. To introduce such an initiative in 1996, required courage and a singular capacity to project into the future.

1.2. Unity Club organizes seminars for capacity building of its members.

Unity Club, brings together leading figures in Rwanda and, as such, Unity Club members are required to be the vanguard to build and ensure the unity of all Rwandans, Unity Club hosts meetings bringing together its members and other high authorities of the country around a chosen theme. Participants are invited to share their views, to be open up to others, to discuss and propose solutions to problems that might threaten the unity of Rwandans.

Thus, 4 November 2007, held the first meeting with the theme: "Building the unity of Rwandans from the nucleus family". The second was held June 15, 2008 under the theme "the role of leaders in building the Rwandan citizenship". Among the resolutions adopted following the two seminars, we can remember :

- Continue to be the living examples of the unity of Rwandans, everywhere, starting with our constituencies and our family circles and this would result in both personal behavior and in how to live with others.

- Overcoming our personal emotions to find what is useful to all Rwandans, to be different from the evil wherever it comes from, take our views openly and freely.

- Identify ourselves as citizens of Rwanda, who do not identify themselves through the ethnicity, and beyond, supporting efforts to ensure that all Rwandans overcome the ethnic memberships (Hutu-Tutsi-Twa), inherited from a biased history and so, identify ourselves as Rwandans, progress and development conscious for their country.

- We call on all leaders at all levels, government and private sector and all Rwandans to develop a culture of debate on the challenges to the unity of all Rwandans. Go further and fight to eradicate, because they seriously hamper the development of the country.

- Search and find in ourselves solutions to the problems of our country, clean up our hearts / learn to live with yourself, know how to choose the good, correct the mistakes of the past so that the terrible history of our country serves as lesson instead of mortgaging our hearts.

- May the Rwandan citizenship, leaving the status of making vain wish, be translated into action in our daily leadership so that we are really playing the guiding role in building genuine Rwandan citizenship.
- Place in the forefront of our actions solution proceedings to problems inherited from the genocide and fight constantly against the genocide ideology.
- As a leader, make the first move to face the challenges we meet so they do not come to contend space for our citizen membership, but rather to ensure that it strengthens our determination to keep the course of good governance.
- At all levels, leaders agree to hold meetings which aim to build Rwandan citizenship a various levels in the country
- Especially, our meetings have recommended continuing to maintain the existence of these seminars, in view of building unity among the leaders. There were others that can be found in the activity reports of Unity Club.

2. PREPARATION OF THE 3rd SEMINAR OF UNITY CLUB: APPRAISAL, A GLANCE TOWARDS THE FUTURE.

2.1. Preparing teaching materials.

The Unity Club meetings are intended to free speech, to enhance exchanges and debates, in a space of trust and freedom. The National Commission for Unity and Reconciliation, (NURC) had worked with Unity Club in the organization of previous meetings because it fits naturally with its mission.

Particularly, for its third seminar of July 2, 2010, Unity Club has worked in active collaboration with the National Commission for Unity and Reconciliation (NURC); the latter had wanted to introduce the latest film by Anne Aghion, "My neighbor, My Killer ", 2009. The seminar was under the theme "*The role of leaders to spread the viable culture of consensus and truth through all levels of the society, seeking to reconcile Rwandans and improve their cohesion*". In addition, the two institutions have benefited from the expertise of a specialist, the spirit of the preparations being to maintain and strengthen the established facts of the previous meetings while opening a new horizon.

In December 2009, while the NURC celebrated ten years of existence, it offered the first presentation of the film "My Neighbor, My Killer" to the Rwandan public, in the presence of some actors in the film, came for the occasion and had made a strong impression. The Executive Secretary of the NURC has found such richness, such a force of Rwandan identity that continues in finding solutions to the problems our country faces. The NURC has resolved to share this film with Rwandan leaders and a larger part of the Rwandan population. An experienced man, the Dr. Jean Baptiste HABYALIMANA wished to present the film to the country's highest authorities, namely the members of Unity Club, an idea endorsed by the president of Unity Club, who suggested that the film will be shown on the occasion of the next Unity Club seminar. Besides this movie indicates a real professionalism in its execution, it depicts the everyday life of ordinary Rwandans who agreed to take up their insurmountable problems of the post-genocide to try to overcome them anyway. The resources are human, cultural, social, personal, but more importantly, they expressed through political and judicial framework developed and implemented by the current Rwandan power which has continued to support it.

For the second part of the seminar, in a festive atmosphere, artists and Rwandan journalists shared their "100 messages". The focus of this second part was the presentation of the book: "Their crime, my shame" by Edward Bamporiki.

2.3. The 3rd seminar of Unity Club had its ambitions ...

In the various preparatory meetings; there appeared a clear need to be even higher precision, at least in the general and more in the specific, at least in theory, but the more in the concrete. It was part of the expectations of those responsible for this seminar.

- The 3rd meeting of Unity Club wanted to generate commitments which can be translated into measurable outcomes, to propose the terms of references for their implementation, and the possibility to evaluate the process of reconciliation and consensus.
- The 3rd meeting was a clear guideline of what should be done to sustain the strength of Unity Club, how to strengthen them so that the resolutions do not remain a dead letter.

- The 3rd meeting would openly affirm the importance of good governance, built on accepted common trust and belief of each, a culture to support and develop in all Rwandans.

a. A solid foundation already in place

Thanks to the good governance that characterizes Rwanda for over ten years; many established achievements on the political, economic, social and cultural aspects are visible. In the foreground, we may recall:

- The victory over evil: having fought and defeated the genocidal machine, start the major project of rehabilitation and reconstruction of the Rwandan nation. A pardon that is based not on denial but on the acceptance of analyzing the facts and to fully carry a unique post-genocide situation, an unprecedented situation in history but a story that Rwanda and Rwandans each decides to perform in a new relationship (individual/ community).
- A new constitution drafted by consensus and leaving the truth in an area where they will be exercised

and that many institutions have been created, including the National Commission for Unity and Reconciliation, Gacaca etc.

- Cannot overlook the fact that this meeting took place when the country was preparing for elections of President for the 2nd term after the Tutsi's genocide. An important moment for the entire nation, which required such a meeting of prominent political leaders turned towards the future. That means continuing to build the foundations of a democracy that suits the people of Rwanda, the area of freedom of every Rwandan and consensus. It also requires a careful awareness of achievements won by the Rwanda because of well-governed, to acknowledge this and to share the lyric but mostly the actions.

b. The spirit and objectives of the seminar.

The Unity Club members are certainly senior managers of the Rwandan state, but they are roughly equivalent figures who share the broad outlines of national policy. Confidence in themselves, mutual trust would share in fits and starts, to look at the past and draw lessons for continuing to move forward and innovate. Analyze the

past to better understand the present for thinking the future was the key word of the meeting.

General objective of the seminar:

Reconcile and make sure we Rwandans live in perfect social cohesion, building on the culture of consensus and truth.

Specific objectives of the seminar:

- While understanding the scope of the concepts "Reconcile" and "Consensus" (Kunga & Ubworoherane)
- To restore and build (Gusana) a new Rwandan family resolutely take the path of solving the complex problems our country faces. Everyone in his/her level of responsibility must put at the forefront of its concerns the interest of the nation, continuously, in a spirit of altruism.
- Continue to highlight and inculcate the consensus culture that translates into self-knowledge in a practical way, and make the process of reconciliation will persist beyond the end of the Gacaca courts.
- Provide managers the opportunity to appreciate the long-term political act so that every political player back on his own participation in the development and

application of this restorative and reconciliatory justice, the extended to unit and reconcile.

- Build and promote the culture of truth, whose leader has to be the flag bearer before his administration so that when they turn they live, speak in truth and are willing to face the truth.
- Be concerned and enhance the collaboration between levels of all institutions, in social cohesion between Rwandans and unity.

- Emphasize the role that artists can play in building and promoting of Rwandan culture, when good governance enable them to create and publish.

3. THE 3rd SEMINAR OF UNITY CLUB.

Friday, July 2, 2010 at the Serena Hotel in Kigali, the First Lady, Mrs Jeannette Kagame, President of Unity Club, opened and attended the third seminar of Unity Club. Unity Club's members, guests and representatives of artists and journalists in Rwanda, listened to a great opening speech which set the broad outlines of the spirit and conduct of the meeting. In this meeting, His Excellency the President of the Republic was represented by the President of the Senate of Rwanda, Dr. Vincent BIRUTA.

3.1. The spirit and the guidance of the meeting.

The opening speech by the president of Unity Club has delivered several messages but all focused on one theme: We are Rwandans, we continue to build this country by constant improvement, We, the children of Rwanda, We, heirs of Rwanda. But also, we, Rwandan politicians who keep this in mind as a wellspring that has watered our achievements, especially in the Unity Club.

**3.1.1. We are Rwandan leaders who govern for
Rwanda.**



Mrs Jeannette Kagame, recalling the theme under which the meeting was held ***"The role of leaders to spread the viable culture of consensus and truth through all levels of the society, seeking to reconcile Rwandans and improve their cohesion"*** said the pride and the strange challenge that provides political accountability in Rwanda. "The new identity of politics in Rwanda, a Rwandan identity for the Rwandan affairs was at the heart of the speech of the National

Commission for Unity and Reconciliation (NURC) Chairperson, Bishop John RUCYAHANA. In the exchange that have marked the meeting, many views were given back on the difficult to manage the country of Rwanda, which carries a unique history but whose leaders have accepted to take full responsibility without abandoning the positive contributions that could come from outside.

3.1.2. We have tremendous achievements, we must continue to the best of Rwanda.

The Unity Club President emphasized that there are many reasons for satisfaction on the progress of Rwanda last years, but the road is still long, you cannot stop in so good way. Continue to provide efforts, both generally and in terms of achievements of Unity Club. Better think about the goals, make them better operational, with a clear action plan, measurement tools designed for that purpose, to realize our hopes up action.

Both the Minister Monique NSANZABAGANWA who chaired the session the and president of the NURC have concurred, without denying the importance of the

achievements already made, they said they want more with a more studied approach, an investment in research in order to constantly improve the country's progress.

In the discussions that followed the film "My Neighbor, My Killer" by Anne Aghion, participants returned to the efforts needed by policy makers to implement their own programs they prescribe population. Indeed, this was an opportunity for participants to compare themselves to people in relation to certain key concepts of political action in post-genocide Rwanda as forgiveness, reconciliation, telling the truth and so on.

3.1.3. Knowing where you come from you will know where you are and where you want to go.

The achievements of our country take a particular note because we know how deep we go out and the heavy price it costed, said the president of Unity Club. To keep this in mind does not lead to be the slave of the past but is a recurring theme that keeps us away from any risk of returning to the horrors of the division of ethnic hatred etc. of what has led to genocide. Particularly in this period before the elections when some blinded by short memory want trifle with this terrible past which we said "never again".

The Unity Club President recalled the political intelligence and self-denial that this involves engaging in a business that wants to build security, sustainable peace, democracy, justice ... in a country as devastated as was the Rwanda following the genocide. But this requires above all the confidence, commitment and unwavering determination.

Far from being satisfied with these remarkable achievements, she just asked to make a solid foundation for continued progress in the right direction for the better Rwanda of tomorrow.

3.1.4. Build on the truth, consensus building a reconciliatory justice.

The Rwandan wisdom maintains that "the truth passes into the fire without being burnt," the highest authorities to citizen through the various levels of the country, the Rwandan truth is hard to mention, to live but it is our history and our duty to take the responsibility.

The president of Unity Club is back on this delicate situation and reiterated that the truth may take a long time to win but it always ends in triumph. Truth in Rwanda is heavy, sometimes painful, but it soothes,

heals and builds a new future. Based on the movie "my neighbor, my killer" the president of Unity Club recalled that the truth cannot be accused of creating tensions as it is restorative. The truth may be that even if it is not always easy to accept, the truth liberates rather than imprisons people, we cannot blame the truth to be guilty of denouncing crimes because it allows the establishment of consensus. She called upon politicians to appropriate the pair consensus-truth and make a widespread practice among them and their constituents.

This imperative was also in the speech of the President of the NURC and has been at the center of discussions: Truth is truth, truth against falsehood, truth instead of lies and silence. People of Ntongwe that featured the film have inspired several interventions but all aimed the imperative of truth.

3.1.5. Good governance, a political vision worthy of the name.

A seminar of political leader of such a level would not evolve without coming back on how Rwanda is governed. Governing is always a difficult task even more, to govern the Rwanda following the genocide; it had an unprecedented scope in the history of the world!

The Rwandan leader is often at the confluence of many trends sometimes contradictory. He is obliged to manage its human status, family and to differ in order to carry out projects that aim to benefit the largest number, sometimes in conflict with their personal aspirations and family. The man or woman must carry heavy political projects that if successful pass quickly as a letter in the mail which is less the case when there is a weakness or failure.

A Justice of home, designed by Rwandans for Rwandans, rooted in our traditions, it was the idea of Gacaca Courts. Had it been the courage and conviction of those who have supported the Rwandan government, the courts would not last long, the eyes of many people in Rwanda and outside Rwanda, they were misunderstood, disparaged and condemned to advance! However, it is a major achievement which Rwanda can now be proud and the world can be inspired to include Rwanda and Rwandans.

3.1.6. Above all: Rwandans are all brothers.

Far patterns simplicities a hatred between two ethnic groups that separate them all as a reminder to all the standard history of people being directed by Anne Aghion, the bonds of brotherhood which unite all

Rwandans unwavering and nothing could destroy ever, not even genocide.

This point seemed to set tongues wagging, and many interventions along these lines have proliferated pretend denote relief and very good reasons to believe again and again.

And this is where the public was invited to dispose of anguish which cannot fail to better target a possible new frontier for Rwanda and her people.

3.2. Publish commitments of action of the 3rd seminar of Unity Club.

The announcement of commitments for action was short, in clear terms that had the ambition to be easily translatable into measurable out comes. This was in agreement with the wish that had emerged during the preparation of the seminar. More action than words, more practical than theory and possible measures to evaluate the activities of Unity Club.



The presentation was provided by the executive secretary of Unity Club, Madame Regine IYAMUREMYE, before concluding the first part of the seminar:

COMMITMENTS OF ACTION OF MEMBERS OF UNITY CLUB.

For the love of Rwanda and to serve the interests of Rwanda and Rwandans, We, members of Unity Club are committed to:

- Set priority concerns of our national interests and people of Rwanda, we are taking away from anything that can divide us as a pretext to serve our own interests.

- Deny and fight all evil, injustice wherever they come, whoever the author.
- Carry a common cognitive universe about common interests of Rwanda and Rwandan people (national consensus) and to share with our constituents.
- Take ownership of decisions that we must take action to Rwandans, solve their problems with a spirit of commitment and dedication.
- Acting in the team spirit in our offices that will mean:
